

Ihame ry'ubuyobozi mu Kunenga



*“Utegera ugutwi igihano kiyobora mu bugingo,
Azaba mu banyabwenge.” Imigani 15:31*

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

*Ca akarongo ku i jambo nyamukuru
ubonye muri iri ihame.*

“Ndabyanga!” icyi nicyo gisubizo kimenyereye ku ijambo kunenga. Inkoranya magambo isobanura kunenga nk’igikorwa cyo gusesengura cg guca urubanza.” Uko byaba bidahwitse kwose, gusa ibi bishobora kugira icyo bitwungura ku murimo hamwe no buzima bwacu bwite iyo tubyakiriye. Izo nyungu kandi ziratandukanye:

1. Reka duce akenge—kuko twigira ku byiza no ku bibi.
2. Twunguka uburyo tubona ibintu—kuko tuba twumvise ibyo batunenze.
3. Wunguka kumenya ibyo uteri wiyiziho—kuko tugengwa n’ukuri ntabwo tugengwa n’abantu. Agaciro duha ukuri kakagombye karenze ibyo twibwira kuri wa muntu uvuga ukuri.

Kuva rero twese twifuzaga gukura maze tukagira ubuzima bwiza, ni byiza rero ko tugomba kwitegura kumva ibyo batunenga. Ariko icya mbere, tugomba gutandukanya kunenga mu uburyo bw’umuntu n’ubw’Imana. Imwe mu myumvire myiza iboneka mu nyandiko ivuga ko ntabwo kunenga mu buryo bwubaka bibaho. Ahubwo bavugaga ko kunenga ari uburyo bureba amafuti bifite. Gusa kandi umugani uri haruguru ushatse kuvuga ngo kunenga bishobora kuba byiza. Tuvuze rero ko kunenga ari bibi byaba ari nko kuvuga ngo ntidushobora gukosora ibidakwiye—ibi ntabwo ari byo.

Ijambo kunenga rero rivugwaga na “nyiri kunenga”. Ntawe urikunda, ariko Solomo yatwihanangirije kubakuraho inyungu. Umuntu unenga ni umuntu uvugaga ibitagenda ndetse agatanga n’ibirego. Ibyo avugaga bishobora kuba ari ukuri, bityo rero tugomba kubyakira. Bishobora kuba

ari byo dukeneye.

Umunenzi rero afatwa nk’umuntu ushaka amafuti urangwa n’imyumvire yijimye. Akenshi usanga twima amatwi ibyo atubwira kubera ya myumvire ye. Bamwe bafata imyumvire ye nkaho uba utewe umugeru n’ifuku; ugomba kumenya rero aho abikuye. Nyamara kandi, tugomba kwishimira ibyo batunenga—ni amahirwe yacu kuba nibyo batinyuka kubivugaga. Abandi nabo bashobora kuba ari ko batubona wenda, ariko ntibagire imbaraga yo kutwegera ngo babitubwire, bityo bikatubangamira mu mikurire yacu.

Nitwemerera ibyo batunenga tuzunguka. Kunenga bishobora kuba atari ukuri, ariko kandi, byaba byo! Aha rero agaciro kabwo kaboneka mu kumva, ariko ntikaboneka mu muntu wabuvuze. Ibyo nibyo solomo yifuzaga kutubwira. Yavuze ngo tuzatera ikirenge mu cy’abandi banyabwenge nituramuka tubigiyeho!

Nibyo koko, abatunenga bamwe usanga bashingira gusa ku mafuti n’imyumvire mibi, ariko kandi tugomba gufata akanya tukibaza kubwo bavuze. Bishobora kuba ari ibintu bizima byadufasha ahari kubera ko inshuti zacu zitatinuyitse kubivugaga.

Rero iyo kunenga bije, tugomba kwibaza

niba hari impamvu shingiro cg haba hari ibwirizwa runaka twabangamiye. Niba ari byo rero, tera intambwe, niyo bitaba kwengera wa muntu wabivuze, ahubwo kuri rya hame cyangwa indangagaciro. Koresha ibyo yakunenze maze wikosore bizakubaka. Dore amagambo avugaga ukuri, “Abakunda amatageko yawe bagira amahoro menshi, nta kigusha bafite” (zaburi 119:165). Ibi bivuze ngo niba koko turi “abakora ibikwiye,” kunenga ntacyo bizadutwara. Ahubwo twakabaye tubashimira maze tukabikoresha.

Amagambo y’ubwenge... umuntu umwe yigeze kuvuga ngo niba wifuzaga kumenya kubaho ubuzima bwiza, ibarize umunenzi—ashobobora kuba afite amabwiriza meza.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Hari ibintu bitatu bikomera cyane: icyuma, diyama, n’umuntu kwimenya. Rimwe na rimwe dukenera ko abatunenga batubwira.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed